# 30: Ubugingo bwacu ni bugufi cyane

1.

Ubugingo bwacu ni bugufi cyane, Twabugeranya n'ubwato mu mazi.
Tunyura mu nyanja irimw amakuba,Arik'Umukiza ni w' utuyobora.

Ref:

Ubwo tuyoborwa n'Umukiza wacu, Dufit' amahoro mur' urwo rugendo. Kand' azatugeza mw ijur' amahoro,Nta bwo tuzongera kwibuk' urugendo.

2.

Tunyura mu mbeho mu muyaga mwinshi, Ijambo ry'Imana rituber' umucyo.
Ubwoba n'amakuba mur' ubwo bwato Bizibagirana mw ijuru kwa Yesu.

3.

Nubw' uwo muyaga ufit' imbaraga, Natwe twegereye ku nkombe y'uruzi. Nta muyag' uhari, nta murab' uhari.N'ukuri tuzasohora mu mahoro.

4.

Ubwo tuzagera kwa Data mw ijuru, Rwose tuzashimir' Umukiza Yesu. Nta yandi makuba tuzagir' ukundi, Tubanye na Yesu mu bwami mw ijuru.

Visit us at indirimbo.com